**Ikinyarwanda**

**PK**

**27 Oct. 2010 13h30 – 15h30**

**RWANDA NATIONAL EXAMINATIONS COUNCIL**

**P.O. BOX 3817 KIGALI-TEL/FAX : 586871**

**Inomero yuzuye iranga umunyeshuri**

| *Intara / Umujyi* | | *Akarere* | | *Umurenge* | | *Ishuri yigaho* | | *Umunyeshuri ku ishuri rye* | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | | | |

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA**

**10 - 2010**

**IKINYARWANDA**

**Igihe: amasaha abiri**

**Amanota :** | **/100** |

## AMABWIRIZA :

- Ikizamini kigizwe n'ibice bibiri :
  - Igice cya mbere : Umwandiko n'imiterere y'ururimi **(amanota 85 )**
  - Igice cya kabiri : Ihimbamwandiko**(amanota 15)**
- Subiriza mu ikayi yabugenewe, wubahiriza itonde ry'ibibazo.
- Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
- Kirazira kugaragaza izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo ku ihimbamwandiko.

# Umwandiko: Izuba

Iyo tugiye hanze, mu gitondo kare, haramutse umucyo, tugahagarara ahirengeye, tukareba iburasirazuba, tubona ikintu kimeze nk'ukwezi kw'inzora, gifite ibara ry'umuhondo ukeye cyane. Icyo kintu tubona mu mpezajisho, gisa n'igifatanye n'ijuru, kiba gikikijwe n'ibara rijya gusa n'icyatsi kibisi. Icyo kintu ni izuba riba rigiye kurasa. Uko igihe kigenda cyicuma, ni ko izuba rigenda ryitatura isi, tukabona risa n'irigenda mu kirere.

Aho izuba rirasira bahita iburasirazuba, aho rirengera bakahita iburengerazuba. Iyo urambuye amaboko, ukw'iburyo ukakwerekeza aho rirasira, imbere yawe bahita amajyaruguru, inyuma yawe bahita amajyepfo.

Mu gitondo, imirasire y'izuba ituruka iburasirazuba, ugasanga igicucu cy'ibintu ari kirekire cyane, kandi giherereye iburengerazuba. Uko igihe kigenda, ni ko n'uburebure bw'igicucu bugenda bugabanuka.

Nyuma y'amanywa y'ihangu, igicucu cyongera kuba kirekire, kugeza igihe usanga gifite uburebure bureshya n'ubwo cyari gifite izuba rikirasa. Ubwo haba ari nimugoroba izuba rijya kurenga.

Abahanga mu bumenyi bw'ikirere bavuga ko izuba ari umubumbabumbe, ukaruta isi ubunini incuro nyinshi; bavuga kandi ko ritava aho riri ahubwo ko isi ari yo iryikaraga imbere, irizenguruka. Izuba riri kure y'isi cyane, ni yo mpamvu tubona ari ritoya cyane, tukibwira ko isi iriruta ubunini.

Iyo uruhande rumwe rw'isi rwikaraga imbere y'izuba urundi ruba ruri mu mwijima, ari byo twita ijoro. Nguko uko umunsi ubisikana n'ijoro.

Izuba rifite akamaro kanini : riratumurikira, riradushyushya, ryumisha ibyo twanitse, ryica udukoko dutera indwara, iyo rifatanyije n'imvura rikuza ibyo duhinga rikabyeza. Abahanga bavuga ko mu mirase yaryo harimo utuntu dutunga umubiri ukamererwa neza. Izuba ni umubumbe w'umuriro, nta kiwushyigikiye, nta kiwufashe, nta cyo unaganaho, nta cyo uteretseho ufashwe n'ububasha bw'Imana gusa.

## IGICE CYA MBERE : UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI

### a) KUMVA UMWANDIKO (16)

1. Izuba rigiye kurasa riba rimeze rite? (3)

..........................................................................................................

..........................................................................................................

..........................................................................................................

..........................................................................................................

2. Andika ibyerekezo bine bivugwa mu mwandiko. (2)

..........................................................................................................

..........................................................................................................

..........................................................................................................

3. Izuba n'isi ikinini ni ikihe? .......................................................................... (1)

4. Kuki tubona izuba ari rito cyane? (1)

..........................................................................................................

..........................................................................................................

5. Ukurikije umwandiko, ari izuba ari n'isi ni iki kikaraga? (1)

..........................................................................................................

..........................................................................................................

6. Izuba riteye rite? (1)

..........................................................................................................

..........................................................................................................

7. Izuba rifashwe n'iki? (1)

..........................................................................................................

8. Ni ryari usanga igicucu cy'ibintu cyabaye kirekire cyane? (2)

..........................................................................................................

..........................................................................................................

Ni ryari kiba kigufi cyane?

.......................................................................................................... (2)

.....................................................................................................

9. Subiza yego cyangwa oya. (4)

a) Izuba rikuza ibyo duhinga rikabyeza..................................................................................

b) Izuba ni umubumbe ufashwe n'isi. ......................................................................................

c) Izuba ntirigenda mu kirere. ................................................................................................

d) Izuba rifashe ku ijuru. .........................................................................................................

## II. INYUNGURAMAGAMBO (14)

10. Uzurisha buri nteruro ijambo cyangwa amagambo uhisemo muri aya: (7)

Igicucu, ukwezi kw'inzora, izuba, impezajisho, yicuma, umucyo, umwijima, imvura.

a) Ku mugoroba, uko amasaha ........................................ni ko ............................. ugenda usimbura................................................

b) .....................................................cy'umuntu kiba kirekire mu gitondo.

c) Igihe cy'................................................abantu barira hanze.

d) Igihe kiba cyiza ku myaka iyo ................................isimburana ......................................

11. Andika imbusane z'amagambo akurikira (4)

a) amanywa y'ihangu: ................................................................................

b) umwijima: ................................................................................

c) abahanga: ................................................................................

d) kurasa ( kw'izuba): ................................................................................

12. Andika impuzanyito z'amagambo akurikira (3)

a) Inzarwe: ................................................................................

b) Kwikurunga: ................................................................................

c) Kubisikana: ................................................................................

## III. Ubumenyi rusange bw'ururimi (6)

13. Andika imigani ibiri y'imigenurano yumvisha ingaruka mbi ku mwana wanze kumvira ababyeyi. (2)

a) ..........................................................................................................................

b) ..........................................................................................................................

14. Subiza ibisakuzo bikurikira (4)

a) Havamo umwe ntitwarya :.........................................................................

b) Icwende ryanjye ribaye kure mba ngukoreyemo:.......................................................

c) Intara za Nyirabangana zingana zose: ..................................................................

d) Nyiramakaraza ngo mutahe:.........................................................................

## III. IKIBONEZAMVUGO (29)

15. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo: (6)

a) Ibara ry'<u>icyatsi(i)</u> <u>kibisi(ii)</u> riba rikikije izuba. i) ..........................................................

ii) ..........................................................

b) Izuba rifatanije <u>n</u>'imvura rikuza ibyo duhinga ..........................................................

c) Izuba riba risa nirigenda <u>mu</u> kirere. ..........................................................

d) Twibwira ko isi iruta izuba <u>ubunini</u>. ..........................................................

e) <u>Wa</u> mwana namubonye. ..........................................................

16. Andika ibinyazina biri mu gika cya mbere cy'umwandiko, hanyuma uvuge ubwoko bwabyo. (3)

..........................................................................................................................

..........................................................................................................................

..........................................................................................................................

17. Andika amazina ava kuri izi nshinga : (5)

- Kurasa (izuba) ..........................................................................................
- Kurenga (izuba) ..........................................................................................
- Kwijima ..........................................................................................
- Kumurika ..........................................................................................
- Gushyuha ..........................................................................................

18. Andika imimaro y'amagambo agize iyi nteruro (3)
Izuba rifite akamaro

.........................................................................................................

.........................................................................................................

.........................................................................................................

.........................................................................................................

19. Andika inteko z'aya magambo (6)

a) izuba : ..............................................................................
b) akamaro: ..........................................................................
c) imana: ..............................................................................
d) igihe: ...............................................................................
e) amanywa: .........................................................................
f) umunsi: ............................................................................

20. Garagaza uturemajambo tw'amazina n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe. (6)

a) Ukwezi: ..............................................................................
b) Imyenda: ............................................................................
c) Imbeba: ..............................................................................

## IV. UBUTINDE N'AMASAKU (10)

21. a) Garagaza ubutinde n'amasaku by'amagambo akurikira. (4)

i) Umutima : ..............................................................................
ii) Ituro : ..................................................................................
iii) Umwete: ...............................................................................
iv) Urugwiro: .............................................................................

b) Mu rutonde rw'aya magambo : " **impano, imanza, inama, urwabya, ingamba, urwego"**, ni ayahe ahuje amasaku n'ubutinde n'amagambo akurikira? (6)

i) umwana: ..............................................................................
ii) umwami: ..............................................................................

## V. IMYANDIKIRE Y'IKINYANYARWANDA (10)

22. a) Andika neza interuro zanditse nabi (6)

i. Umuryango mpuza-mahanga ................................................................................

ii. Yageze i muhira ni joro.........................................................................................

iii. Mbega ukuntu abeshya? .......................................................................................

iv. Ni we mwungeri yagiye kwiga. ............................................................................

v. Nyira Mana akunda ababyeyi be. ..........................................................................

vi. Ntawe ujyayo ..........................................................................................................

b) Andika amazina y'utu twatuzo hanyuma utange urugero rw'interuro yerekana uko dukoreshwa. (4)

i. ! ..........................................................................................................

Interuro ...............................................................................................

ii. , ..........................................................................................................

Interuro ...............................................................................................

iii. . ..........................................................................................................

Interuro ...............................................................................................

iv. ? ..........................................................................................................

Interuro ...............................................................................................

## IGICE CYA KABIRI: IHIMBAMWANDIKO (15)

23. Urangije amashuri abanza, uritegura kujya mu mashuri yisumbuye. Andikira umuvandimwe wawe, cyangwa umubyeyi wawe se cyangwa undi wishyikiraho, umusaba kugufasha aguha ibikoresho by'ishuri wakenera.

Amazina yawe abe Ishimwe Pasiyanse wigaga ku kigo cy'amashuri abanza cya Kagano.